REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE

ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

B.P. 1044 KIGALI.-

Kigali, le 12 NOV. 1986

N° 4433 /15.08.01

Bwana Prefe wa Prefegitura

C Y A N G U G U.-

Binyujijwe kuli Bwana Ministri w'Ubutegetsi

bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini

K I G A L I.-

Bwana Prefe,

Nkulikije ibarwa yawe n° 2089/04.09.01/4 yo kuwa 30 nzeli 1986 yerekeye isiganwa ry'amagare muli Prefegitura ya CYANGUGU, ndakumenyesha ko nejejwe n'uko uwo mukino umaze gucengera mu baturage ba CYANGUGU. Mboneyeho kandi kugushimira ubwitange uhorana mu guteza imikino imbere muli Prefegitura uyobora.

Ministri w'Urubyiruko no

Gutsura za Koperative

NSINDILIYIMANA Agusitini

Lt Col BEM.

Rudy
zool
12/11/86

/ HYA /

REPUBLIQUE RWANDAISE

PREFECTURE DE CYANGUGU

Cyangugu, kuwa 30 Nzeli 1986

N° 2089/04.09.01/4

A traiter par ...
Date entrée : 13/10/86
N° Classement : 7843/...08

Bwana Burgmestri wa Komini ( BOSE )

CYANGUGU

Bwana Muganga Mukuru w'Akarere k'Ubuzima

CYANGUGU

Bwana Commandant w'Ikigo cya Gendarmerie

CYANGUGU

Bwana Burgmestri,

Bwana Muganga Mukuru,

Bwana Komanda,

Kubera ko hari izindi mpamvu zabonetse zituma isiganwa ry'amagare ryari riteganyijwe ku itariki ya 5/10/1986 ryigizwayo,

Ndakumenyesha ko iryo siganwa rishyizwe ku itariki ya 19/10/1986 saa tatu za mugitondo. Iryo siganwa rizabera ku muhanda wa kaburimbo, kuva i Cyangugu ku Biro bya Prefegitura kugera mu Karamba kugaruka i Cyangugu.

Ba Burgmestri bo mu makomini rizanyuramo bazasaba abaturage kuza kurireba ari benshi kandi basababuze gucaracara muri iso nzira.

- Muganga Mukuru w'Akarere k'Ubuzima ka Cyangugu asabwe kuzakora ibyerekeye Ubutabazi.
- Komanda wa Groupement Cyangugu asabwe kuzakora imirimo y'umutekano mu mihanda.

Nkaba rero nizeye ko iryo siganwa rizakorwa neza kandi ijonjora riteganyijwe rigatungana.

PREFE WA PREFEGITURA,

KAGIMBANGABO André

Bamenyeshejwe :

- Bwana Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
KIGALI
- Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini
KIGALI
- Bwana S/Prefe GATSIMBANYI Tharcisse
CYANGUGU
- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura
RWESERO - BUGUMYA
- Bwana Encadreur w'Urubyiruko na za Koperative
CYANGUGU